RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

## 2022 Taliki 24 Gicurasi-01 Kamena




P1. KIPM 2022: Abanyakenya ni bo bihariye ibihembo

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 KIPM 2022: Abanyakenya ni bo bihariye ibihembo

P2 Taekwondo: Police Taekwondo Club yegukanye irushanwa ryo kwibuka

P3 Handball: Gicumbi HBT mu bagabo na Kiziguro SS mu bagore zegukanye irushanwa ryo kwibuka

P4 Kung Fu Wushu: Ikipe ya Black Eagle Ngoma yegukanye irushanwa ryo Kwibuka

P5 Table Tennis: Masengesho na Tumukunde begukanye irushanwa ryo kwibuka

P6 Fencing: Mugisha na Ikirezi nibo bitwaye neza mu irushawa ryo kwibuka

P6 ARPST: Shampiyona y'ibigo by'abakozi ba Leta n'abigenga yarasubukuwe muri weekend ishize

P7 Basketball: Habaye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya kabiri

P7 Ikipe y'u Rwanda U-23 yatsinzwe na NBA Academy Africa

P8 BAL 2022: Ikipe ya US Monastir yegukanye igikombe

P9 FERWABA yasinyanye amasezerano y'ubufatanye na NBA Africa

P10 Volleyball: APR VC yasoreje ku mwanya 6, RRA VC ku wa 9 muri Afurika

P11 Football: Amavubi y'Abagore ari muri Uganda mu irushanwa rya CECAFA 2022 yatsinzwe umukino wa mbere

P11 Cycling: U Rwanda rugiye kongera kwitabira Tour du Cameroon

P12 Football: Amavubi yageze i Johannesburg aho azakinira na Mozambique umukino w'amajonjora w'igikombe cy'Afurika 2023

# Athletics

## **KIPM 2022:** Abanyakenya ni bo bihariye ibihembo

Ku Cyumweru taliki 29 Gicurasi 2022 habaye irushanwa mpuzamahanga rya Marathon yitiriwe Amahoro "Kigali International Peace Marathon 2022" ku nshuro yaryo ya 17.

Iri rushanwa ritegurwa n'Ishyirahamwe ry'Imikino Ngororamubiri mu Rwanda (RAF), ritegurwa mu byiciro bitatu ari byo "Full Marathon (42,195KM)", "Half Marathon (21,097KM)" ndetse n'igice cy'abasiganwa bishimisha "Run for Peace (10km)".

Iri rushanwa ryitabiriwe n'abarenga 3000 baturuka mu bihugu bitandukanye byiganjemo ibyo mu Karere k'Afurika y'Uburarasirazuba.

Iri rushanwa kandi ryitabiriwe na Madamu Jeannette Kagame ari kumwe na Madamu wa Perezida wa Kenya, Uhuru Kenyatta, Margaret Kenyatta ndetse na Sir. Mohamed Muktar Jama Farah uzwi ku izina rya Sir. Mo Farah, Umwongereza w'igihangange mu mukino wo gusiganwa ku maguru ufite imidali ibiri ya Zahabu mu mikino Olempike.

**Batatu ba mbere muri buri cyiciro:**
**"Full Marathon" (42,195 km)**

**Abagabo:**

1. Wilfred Kigen (Kenya) 2h16'36''
2. Johnstone Kibet Maiyo (Kenya) 2h17'41
3. George Nyamori Onyancha (Kenya) 2h17'47''

**Abagore:**

1. Margaret Agai (Kenya ) 2h35'23''
2. Koria Rebecca (Kenya) 2h36'09''
3. Bornes Kitur (Kenya) 2h38'29''

**Half Marathon" (21,097 km)**

**Abagabo:**

1. Shadrack Kimining (Kenya )1h04'30''
2. Gilbert Kamutwire (Uganda) 1h05'03''
3. Kajuga Robert (Rwanda) 1h05'17''

**Abagore:**

1. Musabyeyezu Adeline (Rwanda) 1h14'09''
2. Nimbona Elvanie (Burundi) 1h14'20''
3. Doris Jepkoech (Kenya) 1h17'02''













# GMT 2022

## **Taekwondo:** Police Taekwondo Club yegukanye irushanwa ryo kwibuka

Ikipe ya Rwanda Police Taekwondo Club yegukanye igikombe cy'irushanwa Mpuzamahanga ryo kwibuka "Taekwondo – Genocide Memorial Tournament 2022".

Ni irushanwa ngarukamwaka ritegurwa hagamijwe kwibuka no guha icyubahiro abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, by'umwihariko abari abakinnyi, abatoza, abayobozi mu nzego za siporo ndetse n'abari abakunzi ba siporo muri rusange.

Rwanda Police Taekwondo Club yegukanye igikombe nyuma y'aho abakinnyi bayo biganje mu begukanye imidali mu byiciro bitandukanye, aho yegukanye imidali 10 ya zahabu. Ku mwanya wa kabiri haje ikipe ya Regional Taekwondo Club yo muri Kenya, mu gihe ku mwanya wa gatatu haje Dream Fighters yari isanganywe iki gikombe.

Mu cyiciro cy'ingimbi n'abangavu, Bugesera Taekwondo Club ni yo yegukanye igikombe, ikurikirwa na Dream Taekwondo Club, hanyuma Ecole Sainte Bernadette de Kamonyi yegukana umwanya wa gatatu.

Abakinnyi bitwaye neza kurusha abandi mu bakuru ni Niyomugabo Happy na Umurerwa Nadege bakinira Police Taekwondo Club, mu gihe Akimana Axel wa Bugesera Taekwondo Club na Niyosinjye Alliah wa Dream Taekwondo Club ari bo bahize abandi mu cyiciro cy'ingimbi n'abangavu.

Mu ijambo rye mu muhango wo gusoza irushanwa, umuyobozi mu nama y'ubuyobozi y'ihuriro ry'imikino ya Taekwondo muri Afurika (African Taekwondo Union), Bagabo Placide yasabye abakinnyi ba Taekwondo kuzirikana igihango kiri hagati yabo n'abo twibuka uyu munsi.

Ati "Barimo abakinnyi beza ndetse no kubarusha, barimo abayobozi beza bashakaga ko uyu munsi siporo iba iteye imbere kurusha uko byari bimeze icyo gihe, bari abanyarwanda beza ariko bazira uko bavutse. Ntimuzatatire igihango ahubwo mujye muhora mubahesha ishema, mwihatire gukora cyane maze muzibe icyuho basize."

Yakomeje abasaba kurwanya abapfobya ndetse n'abahakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bagatanga umusanzu mu guteza imbere igihugu, bimakaza indangagaciro na Kirazira by'umuco Nyarwanda.

Irushanwa ry'uyu mwaka ryitabiriwe n'amakipe yo mu Rwanda 11 ndetse na Regional Taekwondo Club yo muri Kenya.





# GMT 2022

## **Handball:** Gicumbi HBT mu bagabo na Kiziguro SS mu bagore zegukanye irushanwa ryo kwibuka

Taliki 28 na 29 Gicurasi 2022, Ishyirahamwe ry'Umukino wa Handball (FERWAHAND) ku nkunga ya Ministeri ya Siporo (MINISPORTS) na Komite Olempike y'u Rwanda (RNOSC), ryateguye irushanwa mpuzamahanga ryo kwibuka "abasportifs" bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, by'umwihariko abari abanyamuryango ba Handball.

Usibye u Rwanda, iri rushanwa rikaba ryaranitabiriwe n'ibihugu bibiri ari byo Tanzania yarifite amakipe abiri, Ngome HC mu bagabo na JKT mu bagore ndetse na Zambia yari ihagarariwe na Zambia National Team A na B.

Mu mikino ya nyuma yabereye ku kibuga cya Centre des Jeunes-Kimisagara, igikombe cyatwawe na Gicumbi HT itsinze Police HT ibitego 44 kuri 37, mu gihe mu bagore igikombe cyegukanywe na Kiziguro SS itsinze Gicumbi WHT ibitego 33 kuri 23.

**Uko imikino ya nyuma yagenze**

**Abagabo**

**Imikino ya ¼:**

- POLICE HBC 20-0 NYAKABANDA
- GICUMBI HBT 25-21 ZAMBIA NT B
- ZAMBIA NT A 25-18 NGOME
- APR HBC 26-23 UR HUYE

**Imikino ya ½:**

- POLICE HBC 38-32 APR HBC
- GICUMBI HBT 31-14 ZAMBIA NT A

**Umwanya wa gatatu**

- ZAMBIA NT A 17-19 APR HBC

**Umukino wa nyuma**

- POLICE HBC 37-44 GICUMBI HBT

**Mu bagore**

**Imikino ya ½:**

- KIZIGURO SS 22-06 UR HUYE
- GICUMBI WHT 30-22 JKT

**Umukino wa nyuma**

- KIZIGURO SS 33-23 GICUMBI WHT

**Abatwaye ibihembo ku giti cyabo**

**Mu bagore:**

- Umukinnyi mwiza w'irushanwa/MVP: Uwineza Florence (Kiziguro)
- Uwatsinze ibitego byinshi/Top Scorer: Nishimwe Noella(Kiziguro SS)
- Umunyezamu mwiza/Best Goalkeeper: Mwajabu Lungato (JKT-TZ)

**Mu bagabo:**

- Umukinnyi mwiza w'irushanwa/MVP: Hakizimana Dieudonne (Passy)- Gicumbi HT
- Uwatsinze ibitego byinshi/Top Scorer: Mbesutunguwe Samuel (Police HBC)
- Umunyezamu mwiza/Best Goalkeeper: Hakizimana Jean Claude (Kidiaba)- Gicumbi HT

**Fair Play Trophy:** JKT- Tanzania





# **Kung Fu Wushu:** Ikipe ya Black Eagle Ngoma yegukanye irushanwa ryo Kwibuka

Ku Cyumweru taliki ya 29 Gicurasi 2022, Ishyirahamwe ry'Umukino wa Kung Fu Wushu mu Rwanda (RKWF) ku bufatanye na Komite Olempike y'u Rwanda na Minisiteri ya Siporo (MINISPORTS) ryateguye irushanwa ryo Kwibuka abari mu muryango mugari wa siporo bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 "Kung Fu Wushu – Genocide Memorial Tournament 2022".

Irushanwa ryabereye mu kigo cy'urubyiruko cya Kimisagara, ryitabiriwe n'amakipe 23 yaturutse mu Ntara zose z'igihugu. Abakinnyi bitabiriye ni 73 barimo abakobwa 17 n'abahungu 56.

Ikipe ya Black Eagle y'i Ngoma ni yo yegukanye irushanwa aho yegukanye imidali 8 harimo imidali 4 ya Zahabu, ibiri ya Feza n'indi 2 y'Umuringa.

**Uko abahize abandi bakurikiranye**

**Taolu (Imyiyerekano)**

**Abahungu n'abakobwa (hagati y'imyaka 10 na 15)**

**Abahungu /Dao shu:** Ndagano Fred (Umuringa)

**Abakobwa/Dao shu**

1. Ishimwe Zulfat (Black Eagle Ngoma)
2. Umuhire Belise (Black Eagle Ngoma)
3. Uwihirwe Emertha (Black Eagle Ngoma)

**Abahungu/Gun shu**

1. Tuyishime Emmy (Muhanga Shaolin Tiger)
2. Cyuzuzo Patrick (Hamdan)

**Abakobwa/Gun shu**

1. Uwihirwe Emertha (Black Scrorpion Kayonza)
2. Uwase Aisha (Hamdan)

**Abahungu/Nan quan**

1. Ndayishimiye Djamal (Black Scorpion Kayonza)
2. NiyomwungeriJimmy(Gasabo Wushu)
3. Iranzi Nuhu Amri (Black Eagle Ngoma)

**Abakobwa/Nan quan**

1. Umurerwa Fanny (Black Scorpion Kayonza)
2. Umuhire Belise (Black Eagle Ngoma)

**Abahungu/Chan quan**

1. Iranzi NuhuAmri (Black Eagle Ngoma)
2. Ndayishimiye Djamal (Black Scorpion Kayonza)
3. Tuyishime Emmanuel (Gasabo Wushu)

**Abakobwa/Chan quan**

1. Umurerwa Fanny (Black Scorpion Kayonza)
2. Ishimwe Zulfat (Black Eagle Ngoma)
3. Ishimwe Sarah (Musanze Saholin)

**Icyiciro cy'abakuru (Abagabo & Abagore)**

**Abagabo/Dao shu**

1. Niyonsaba Evode (Red Dragon Gicumbi)
2. Nkomejegusenga Simon (Black Scorpion Kayonza)

**Abagabo/ Gun shu**

1. Ibyikora Egide (Black Eagle Ngoma)
2. Ntambara JMV (Red Dragon Gicumbi)
3. Iragena Steven (Tsen Sport)

**Abagabo/ Nan quan**

1. Ibyikora Egide(Black Eagle Ngoma)
2. Bizimana Jean de Dieu (Chin woo Rwamagana)
3. Manirakiza Jean de Dieu(Rwanda chin woo)

**Abagore/Nan quan:** Mwubahamana Liliose (Dragon Nyamirambo)

**Abagabo/ Chan quan**

1. Mfashingabo Mustaph (How gare Mantis)
2. Iragena Stiven (Ten sport org)
3. Nkomejegusenga Simon (Black Scorpion Kayonza)

**Abagore/Chan quan**

1. Mutoniwase Joseline (Kigali wushu)

**Abagabo/Nan gun:** Manirakiza Jean de Dieu (Rwanda chinwoo)

**Abagabo/ Qiang shu**

1. Siyemungu Abdulahim (Ging hu Nyagatare campus)
2. Ntambara Evode (Red dragon Gicumbi)
3. Gaukuri Denny (Mahoko wushu)

**Abagore/qiang shu:** Akimana Rosine (Dragon Nyamirambo)

**Kurwana/Abagabo**

**Hagati y'ibiro 63-67**

1. Mugisha Emmanuel (Kimisagara wushu)
2. Ndayambaje Olivier (Kigali wushu)

**Hagati y'ibiro 68-72**

1. Urwibutso Jean de Dieu/Rubavu wushu)
2. Tumusifu Emmanuel (Musanze Sholn Temple)

**Hagati y'ibiro 73-77**

1. Muvunyi Jean de Dieu (Muhanga Shaolin Tiger)
2. Dushimyumuremyi Anaclet (Ryabizige wushu).



*Uhagarariye Ambassade y'Ubushinwa mu Rwanda yambika umudali umwe mu batsinze.*

# GMT 2022

## **Table Tennis:** Masengesho na Tumukunde begukanye irushanwa ryo kwibuka

Taliki 28 Gicurasi 2022, Ishyirahamwe ry'Umukino wa Table Tennis mu Rwanda ryateguye irushanwa ryo kwibuka abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 by'umwihariko abari bafite aho bahuriye n'umukino wa Table Tennis.

Irushanwa ryitabiriwe n'abakinnyi barenga 120 bari mu byiciro bitandatu ari byo; Abatarengeje imyaka 18 mu bakobwa n'abahungu, abagabo bahoze bakina (Veterans), abafite ubumuga n'abakuze mu bagore n'abagabo.

Mbere y'irushanwa, abakinnyi, abatoza, abayobozi b'amakipe n'abafatanya bikorwa b'irushanwa babanje gusura urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali.

Mu cyiciro cy'abakobwa batarangeje imyaka 18, irushanwa ryegukanwe na Kellia wo mu ikipe ya Rilima. Mu cyiciro cy'abahungu batarengeje imyaka 18, Blaise ukinira ikipe ya Spero yegukanye igikombe ahigitse Theophile w'ikipe ya Rilima, nyuma yo kumutsinda amaseti 3-0.

Mu cyiciro cy'abahoze bakina, umutoza Muyango wa Rilima yegukanye igikombe atsinze (3-2) Cheng Wei Gao usanzwe ari umwe mu bayobozi b'uruganda rwa Stecol. Mu cyiciro cy'abafite ubumuga, aho abagabo n'abagore bahuriye mu irushanwa rimwe, igikombe cyegukanywe na Basil w'ikipe y' Urugwiro atsinze mugenzi we Dusengimana, mu gihe umwanya wa gatatu wegukanywe na Iriza Dinah.

Mu cyiciro cy'abagore bakuru, Tumukunde Hervine w'imyaka 18 ukinira ikipe ya Rilima yegukanye igikombe atsinze bimworoheye amaseti 3-0 mu mukino wa nyuma yahuriyemo na Twizerane Regine bari mu kigero kimwe mu gihe mu cyiciro cy'abagabo bakuze, Masengesho Patrick usanzwe ari mu bakomeye mu Rwanda, yegukanye igikombe atsinze bigoranye Bushema Aime Frank.



## **Fencing:** Mugisha na Ikirezi nibo bitwaye neza mu irushawa ryo kwibuka

Ku wa Gatandatu taliki 28 Gicurasi 2022, Ishyirahamwe ry'umukino wa Fencing mu Rwanda (RFF) ryateguye irushanwa ryo Kwibuka "Fencing - Genocide Momorial Tournament 2022".

Iri rushanwa ryabereye i Nyamirambo ahazwi nko kwa Gisimba ryitabirwa n'amakipe 5 harimo abiri yari yaturutse hanze ya Kigali arimo Eagle Fencing Club (Musanze) ndetse na Southern Fencing Club (Muhanga).

Ikipe ya Dreams Fencing Club ibarizwa i Kigali ni yo yitwaye neza kuko ababonye imidali ya mbere mu bagabo n'abagore ni yo babarizwamo.

**Uko abakinnyi bitwaye**

**Abagabo:**

1. Mugisha Suma (Zahabu)
2. Claas Gottesleben (Feza)
3. Irambona Frank (Umuringa)
4. Niyonkuru Alain (Umurinda

**Abagore:**

1. Ikirezi Djasira (Zahabu)
2. Bora Anbari (Feza)
3. Umutangana Sifa (Umuringa)
4. Shimwa Sheja Michelle Shekhinna (Umuringa)




## **ARPST:** Shampiyona y'ibigo by'abakozi ba Leta n'abigenga yarasubukuwe muri weekend ishize

Taliki 27 Gicurasi 2022, shampiyona y'Igihugu y'ibigo bya Leta n'abigenga yasubukuwe hakinwa ibirarane.

**Uko imikino yagenze:**

**Taliki 27 Gicurasi 2022**

**Football:**

- MINECOFIN 1-4 RISA

**Basketball:**

- IPRC KGL 41-39 RTDA
- UR 33-60 RWANDAIR



## **Basketball:** Habaye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya kabiri

Mu mpera z'icyumweru gishize taliki 28 na 29 Gicurasi 2022 habaye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya kabiri mu bagabo.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 28-05-2022**

- Spartants 37-89 Intare BBC
- Wibena 72-75 Kicukiro Buckets
- ITS Kigali 64-99 Inspred Generation
- UR CE 32-56 Elite BBC
- Karongi  BBC 58-54 Flame
- Kigali Titants 108-31 UR CBE
- Orion 116-55 UR CST

**Taliki 29-05-2022**

- UR CST 29-76 Flame
- Kigali Titants 137-22 UR CAVM
- Karongi BBC 60-78 Wibena
- Black Thunders  101-78 UR CBE
- Intare BBC  79-44 UR CE
- Spartans 61-111 ITS Kigali
- Insired Generation 95-96  Elite BBC
- Kicukiro Buckets  52-116 Orion



## Ikipe y'u Rwanda U-23 yatsinzwe na NBA Academy Africa

Kuva muri 2017 NBA Africa yatangije ishuri "NBA Academy Africa" muri Senegal mu rwego rwo gufasha mu kuzamura impano z'abakinnyi bakiri bato muri Afurika.

Muri Werurwe 2022, ku bufatanye bwa BAL na NBA Academy Africa hatangijwe gahunda bise "BAL Elevate" igamije guha abakinnyi babarizwa muri "NBA Academy Africa" umwanya wo kwigaragaza mu makipe yakinnye imikino ya nyuma ya BAL 2022 uko ari 12.

Ku wa Gatanu taliki 27 Gicurasi 2022 nyuma y'umukino wo guhatanira umwanya wa gatatu muri BAL 2022, aba bakinnyi "BAL Elevate Players" bakinnye umukino wa gicuti n'ikipe y'u Rwanda U-23. Ikipe ya "NBA Academy Africa" yatsinze Rwanda U-23 amanota 72 kuri 53.

**NBA Academy Africa:** Babacar Sane (Senegal), Rueben Abuchi Chinyelu (Nigeria), Khaman Madit Maluach (South Sudan), Emmanuel Eberchukwu Okorafor (Nigeria), Dramane Sayon Camara (Nigeria), Victor Tochukwu Ezeh(Nigeria), Imran Mohamed Deen (Sierra Leone), Daniel Quentin Akoue (Gabon), Seifelden Kaidar Hendawy( Misiri), Paul Kabenga Mbiya (RDC), Joy Ighovodja (Nigeri), Nadir Bennis (Maroc), Matar Diop (Senegal) na Serigne Saliou Mbaye (Senegal).

**Rwanda U-23:** Umuhoza Jean de Dieu, Kizito Murenzi Romain, Turatsinze Olivier, Ntwali Victor, Kazeneza Emile Galois, Nkundwa Thierry, Uwitonze Justin, Muhizi Ngoga Bonheur, Byambo Mc Bright, Nkusi Arnaud, Ntwali Marius, Mike Mugalu, Ngabonziza Patrick na Pierre Vendriessche.



# **BAL 2022:** Ikipe ya US Monastir yegukanye igikombe

Ikipe ya US Monastir yo muri Tunisia ni yo yegukanye igikombe cy'irushanwa ry'Afurika ry'amakipe yatwaye ibikombe iwayo muri Basketball mu bagabo "Africa Basketball League 2022" ryakinwaga ku nshuro ya kabiri.

Iyi kipe yari yatsindiwe ku mukino wa nyuma muri BAL 2021 yitwaye neza yegukana igikombe itsinze ku mukino wa nyuma Petro de Luanda yo muri Angola ku manota 83 kuri 72.

Uyu mukino wabereye muri BK Arena taliki 28 Gicurasi 2022. Mbere y'uyu mukino taliki 27 Gicurasi 2022, habaye umukino wo guhatanira umwanya wa gatatu aho ikipe ya Zamalek yari ifite igikombe cya BAL 2021 yegukanye uyu mwanya itsinze ikipe ya FAP yo muri Cameroun amanota 97 kuri 74.

Uyu mukino wa nyuma warebwe na bamwe mu kanyujijeho muri NBAnka Dikembe Mutombo (RDC), Luol Deng (South Sudan), Joakim Noah (USA), Ian Mahinmi (France), Olumide Oyedeji (Nigeria) na Charles Smith (USA).

Iyi mikino BAL 2022 yabaga ku nshuro ya kabiri yatangiriye mu majonjora aho taliki 21 Ukwakira kugeza 16 Ukuboza 2021, amakipe 22 mu bice bitandukanye by'Afurika yakinnye mikino y'amajonjora kugira ngo haboneka amakipe 6 yiyongera ku yandi 6 yari ifite itike y'imikino ya nyuma.

Amakipe 12 yashyizwe mu matsinda abiri aho itsinda A "Sahara Conference" ryakiniye i Dakar muri Senegal kuva taliki 05 kugeza 15 Werurwe 2022. Amakipe 6 yakinnye hagati yayo maze ikipe ya REG BBC (Rwanda), US Monastir (Tunisia), AS Salé (Maroc) na SLAC (Guinea) zikomeza muri ¼ naho Ferroviario da Beira (Mozambique) na DUC (Senegal) arasezererwa. Imikino yo mu itsinda B "Nile Conference" yabereye mu Misiritaliki 09 kugeza 19 Mata 2022, amakipe 6 yakinnye hagati yayo maze, Zamalek (Misiri), Petro de Luanda (Angola), Cap Town Tigers (Afrika y'Epfo) na FAP (Cameroun) akomeza muri 1/4 naho Cobra Sport (South Sudan) na Espoir Fukash(RDC) arasezererwa.

Amakipe 8 yagomba guhurira mu Rwanda kuva taliki 21 kugeza 28 Gicurasi 2022 agakina imikino ya nyuma. Muri ¼ , ikipe ya REG BBC yo mu Rwanda yasezerewe na FAP ku manota 66 kuri 63, ikipe ya Petro de Luanda yasezereye AS Salé ku manota 102 kuri 89, ikipe ya Zamalek yasezereye SLAC ku manota 69 kuri 49naho US Monastir isezerera Cape Town Tigers ku manota 106 kuri 67.

Muri 1/2, Petro de Luanda yakuyemo FAP ku manota 88 kuri 74 naho US Monastir isezerera Zamalek ku manota 88 kuri 81.

**Ibihembo byatanzwe**

Michael Dixon ni we wabaye umukinnyi witwaye neza muri BAL 2022 "Hakeem Olajuwon BAL Most Valuable Player Award". Umutoza witwaye neza "BAL Coach of the Year 2022" yabaye José Neto (Petro de Luanda). Umukinnyi Ater James Majok (US Monastir) yegukanye igihembo cy'umukinnyi warushije abandi kuzibira "2022 Dikembe Mutombo BAL Defensive Player of the Year". Anas Mahmoud (Zamalek) yahawe ighembo "Manute Bol BAL Sportsmanship Award" naho Terrel Stoglin (AS Salé) ahabwa igihembo nk'uwatsinze kurusha abandi "2022 BAL Scoring Champion".

Iri rushanwa ryatangiye gukinwa muri 2021 ku bufatanye bwa Basketball Africa League (BAL) n'Ishyirahamwe mpuzamahanga ry'umukino wa Basketball "FIBA" ndete na NBA.



# FERWABA yasinyanye amasezerano y'ubufatanye na NBA Africa

Ishyirahamwe ry'umukino wa Basketball mu Rwanda "FERWABA" na NBA Africa basinye amasezerano y'ubufatanye mu gihe cy'imyaka ibiri akabaagamije kuzamura impano z'abakinnyi bakiri bato mu mukino wa Basketball.

Uyu muhango wabereye muri BK Arena ku wa Kane taliki 26 Gicurasi 2022 ahari Umuyobozi wa NBA Africa, Victor Williams, Perezida wa FERWABA, Mugwiza Desire n'Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri ya Siporo "MINISPORTS", Shema Maboko Didier.

Ubu bufatanye buzibanda mu kuzamura impano z'abakiri bato no gutegura imikino yabo binyuze mu irushanwa " Jr. NBA Rwanda League". Hari kandi guhugura abatoza ba Basketball kugira ngo bamenye uburyo bategura abakinnyi bakiri bato kuzavamo ababigize umwuga.

Perezida wa FERWABA, Mugwiza agaragaza ko aya masezerano arimo gahunda y'amarushanwa ya "Jr. NBA Rwanda League" azitabirwa n'ibigo 30 mu bahungu n'abakobwa mu bataregeje imyaka 15. Muri aya marushanwa bakazanahugura abatoza b'aba bana.

Mugwiza avuga ko uretse ibyo gufasha mu guhugura abatoza, NBA Africa inatanga ibikoresho birimo imipira yo gukina, imyambaro yo gukinana n'ibindi bikoresha bikenerwa muri uyu mukino.



# **Volleyball:** APR VC yasoreje ku mwanya 6, RRA VC ku wa 9 muri Afurika

Kuva taliki 22 kugeza 31 Gicurasi 2022 muri Tunisia habereye irushanwa ry'Afurika ry'amakipe yabaye aya mbere iwayo mu bagore muri Volleyball "African Women's Volleyball Club Championship 2022".

Ikipe zari zaserukiye u Rwanda ni APR VC yasoreje ku mwanya wa 6 mu gihe ikipe ya RRA VC yasoreje ku mwanya 9.

Ikipe ya KCB yo muri Kenya niyo yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Al Ahly yo mu Misiri amaseti 3-1 (25-18,25-22,11-25 na 28-26).

Mu guhatanira umwanya wa 3, ikipe ya Kenya Pipeline Company yo muri Kenya yatsinze Club Féminin de Cartage yo muri Tunisia amaseti 3-2 (20-25,25-23, 19-25, 25-23 na 15-11).

Iri rushanwaryari ryitabiriwe n'amakipe 16 aho yari mu matsinda 4, ikipe ya RRA VC yari iri mu itsinda A hamwe na CO Kelibia (Tunisia), La LOI VC (RDC) na FAP (Cameroun).

Itsinda B ririmo Carthage (Tunisia), ASEC Mimosa (Cote d'Ivoire), KCB (Kenya) na Ndegge (Uganda).

Itsinda C rigizwe na Kenya Prisons (Kenya), National Alcohol (Ethiopia), APR VC (Rwanda) na CNS (Nigeria) naho itsinda D ririmo NCS (Nigeria), Kenya Pipeline Company (Kenya), Al Ahly (Misiri) na El WAK Wings (Ghana).

**Uko amakipe yakurikiranye**

1. KCB (Kenya)
2. Al Ahly (Misiri)
3. Kenya Pipeline Company (Kenya)
4. Club Féminin de Carthage
5. Kenya Prisons (Kenya)
6. APR VC (Rwanda)
7. FAP (Cameroun)
8. CO Kelibia (Tunisia)
9. RRA VC (Rwanda)
10. Ndejje University (Uganda
11. Nigeria Customs Service (Nigeria)
12. CNS (Nigeria)
13. La LOI VC (RDC)
14. El WAK Wings (Ghana)
15. NAL (Ethiopia)
16. ASEC Mimosa (Cote d'Ivoire)



*Ikipe ya KCB yo muri Kenya niyo yegukanye igikombe cya "African Women's Volleyball Club Championship 2022"*



*RRA VC yasoje ku mwanya wa 9*



*APR VC yasoje ku mwanya wa 6*

## Football: Amavubi y'Abagore ari muri Uganda mu irushanwa rya CECAFA 2022 yatsinzwe umukino wa mbere

Ikipe y'Igihugu Amavubi y'abagore iri mu gihugu cya Uganda mu irushanwa rya CECAFA ryatangiye kuri uyu wa Gatatu 01 Kamena 2022, U Rwanda rwatangiye rutsindwa na Uganda 2-0.

Ibitego bya Uganda byatsinzwe na Fazirah Ikwaput ku munota wa 38 n'uwa 48 abyaje umusaruro imipira yose yahawe na Hasifah Nassuna.

U Rwanda ruri mu itsinda rimwe na Uganda, u Burundi na Djibouti mu gihe itsinda rya kabiri rigizwe na Tanzania, Zanzibar, Sudani y'Epfo na Ethiopia.

Ikipe y'u Rwanda izakina umukino wa kabiri ku wa Gatanu, taliki ya 03 Kamena 2022, ikina n'u Burundi saa Kumi za Kampala.

**Abakinnyi b'u Rwanda bahamagawe muri CECAFA ya 2022:**

1. Nyirabashyitsi Judith
2. Itangishaka Claudine
3. Umuhoza Jeanne Pauline
4. Nibagwire Sifa Gloria
5. Uwimbabazi Immaculée
6. Muhawenimana Constance
7. Mukahirwa Providence
8. Maniraguha Louise
9. Mukantaganira Joselyne
10. Uzayisenga Lydia
11. Umuziranenge Irera
12. Mukarwego Marie Claire
13. Kalimba Alice
14. Mukandayisenga Nadine
15. Mukeshimana Jeannette
16. Uwamahoro Marie Claire
17. Usanase Zawadi
18. Nibagwire Liberathe
19. Mukeshimana Dorothée
20. Dukuzumuremyi Marie Claire
21. Iradukunda Calixte
22. Ibangarye Anne Marie
23. Uwase Grace



## Cycling: U Rwanda rugiye kongera kwitabira Tour du Cameroon

Ikipe y'u Rwanda y'umukino w'amagare igiye kongera gusiganwa muri Tour du Cameroon nyuma y'imyaka itatu itagaragara muri iri siganwa.

Ikipe y'u Rwanda yaherukaga gusiganwa muri Tour du Cameroon mu 2019 ubwo Byukusenge Patrick yabaga uwa gatatu ku rutonde rusange.

Mu mwaka wa 2018, Uwizeyimana Bonaventure yari yaryegukanye abaye uwa mbere ku rutonde rusange.

Abakinnyi batandatu Ishyirahamwe ry'umukino w'amagare ryashyize ahagaragara barimo Mugisha Moïse watwaye irindi siganwa ribera muri Cameroon ryitwa Grand Prix Chantal Biya muri Werurwe uyu mwaka.

Tour du Cameroon 2022 biteganyijwe ko izaba taliki 04 kugeza taliki 12 Kamena 2022.

**Abakinnyi b'ikipe y'Igihugu bazasiganwa muri Tour du Cameroon 2022:**

1. Mugisha Moise
2. Nzafashwanayo Jean Claude
3. Munyaneza Didier
4. Muhoza Eric
5. Niyonkuru Samuel
6. Tuyizere Etienne




*Ikipe y'umukino w'amagare izahagararira u Rwanda muri Tour du Cameroon 2022*



# **Football:** Amavubi yageze i Johannesburg aho azakinira na Mozambique umukino w'amajonjora w'igikombe cy'Afurika 2023

Ikipe y'igihugu Amavubi yageze i Johannesburg mu gihugu cya Afurika y'Epfo ku cyumweru taliki ya 29 Gicurasi 2022 aho izakinira umukino wa mbere mu majonjora y'igikombe cya Afurika kizabera muri Cote d'Ivoire mu 2023.

Abakinnyi 18 nibo bahagurutse i Kigali ku isaa yine za mu gitondo bagera ku kibuga cy'indege mpuzamahanga cyitiriwe Oliver Tambo ku isaa cyenda z'igicamunsi.

Abakinnyi bandi batanu bakinira hanze babasanzeyo nyuma ni Nirisarike Salomon, Manzi Thierry, Imanishiwme Emmanuel, Mutsinzi Ange, York Raphael na Kagere Meddie.

U Rwanda ruzakina na Mozambique ku wa kane taliki 2 Kamena 2022 kuri Stade yabereyeho umukino wa nyuma w'igikombe cy'isi cya 2010, FNB Stadium bakunda kwita Soccer City. Umukino uzatangira ku isaa kumi n'ebyiri z'umugoroba.

**Abakinnyi 23 umutoza Carlos Alos Ferrer yahamagaye:**

**Abanyezamu:** Kwizera Olivier (Rayon Sports), Ntwari Fiacre (AS Kigali) na Kimenyi Yves (Kiyovu Sports).

**Abugarira:** Imanishimwe Emmanuel (FAR Rabat, Maroc), Nirisarike Salomon (Urartu FC, Armenia), Niyomugabo Claude (APR FC), Mutsinzi Ange Jimmy (CD Trofense, Portugal), Omborenga Fitina (APR FC), Manzi Thierry (FAR Rabat), Nsabimana Aimable (APR FC), Niyigena Clement (Rayon Sports) na Serumogo Ali (SC Kiyovu).

**Abakina hagati:** Manishimwe Djabel (APR FC), Nishimwe Blaise (Rayon Sports), Bonheur Mugisha (APR FC), Bizimana Djihad (KMSK Deinze), Muhire Kevin (Rayon Sports), Rafael York (AFC Eskilstuna, Suède) na Ruboneka Jean Bosco (APR FC).

**Abasatira:** Meddie Kagere (Simba SC, Tanzania), Hakizimana Muhadjiri (Police FC), Ndayishimiye Antoine Dominique (Police FC) na Mugunga Yves (APR FC).






RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave